RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 16-18 Ukuboza




**P1. Tennis:** John Njogu na Angela Okutoyi ni bo begukanye Rwanda Open 2022

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Tennis:** John Njogu na Angela Okutoyi ni bo begukanye Rwanda Open 2022

P2 **Rugby :** Uko imikino y'umunsi wa kane wa shampiyona yagenze

P2 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 14 wa shampiyona yagenze

P3 **Cycling:** Mugisha na Ingabire begukanye "Musanze Gorilla Race 2022"

P4 **Basketball:** Ikipe ya APR BBC yegukanye umwanya wa 8 mu mikino y'Afurika

P5 **Volleyball:** Shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore igeze ku munsi wa 6

1

# **Tennis:** John Njogu na Angela Okutoyi ni bo begukanye Rwanda Open 2022

Kuva taliki 12 kugeza 18 Ukuboza 2022 habaye irushanwa mpuzamahanga mu mukino wa Tennis “Rwanda Open 2022” ribera ku bibuga byo muri IPRC Kigali aho ryitabiriwe n’abakinnyi barenga 150 mu byiciro bitandukanye.

Iri rushanwa “Rwanda Open 2022” ryateguwe n’ishyirahamwe ry’umukino wa Tennis mu Rwanda “RTF” ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo “MINISPORTS”, ryitabirwa n'ibihugu 5 ari byo Kenya, Tanzania, Burundi, RDC n'u Rwanda ruritegura.

Mu bagabo babigize umwuga, Albert John Njogu ni we wegukanye irushanwa atsinze Ismael Changawa wegukanye “Rwanda Open 2019” ku mukino wa nyuma amaseti 2-1 (6-4, 4-6 na 6-1). Aba bakinnyi bombi kaba bakomoka muri Kenya.

Albert John Njogu yageze ku mukino wa nyuma asezereye mugenzi we wo muri Kenya, Kibet Yego muri ½ ku maseti 2-0 (7-5 na 6-4) naho Ismael Changawa akaba yarasezereye Derick Stanley Ominde (Kenya) ku maseti 2-0 (6-3 na 6-2).

Bamwe mu bakinnyi bari bahagarariye u Rwanda baviriyemo muri ¼ cy’irangiza barimo Hakizumwami Junior watsinzwe na Ismail Changawa Ruwa (Kenya) amaseti 2-0 (6-0 na 6-1), Havugimana Olivier watsinzwe na Derick Stanley Ominde (Kenya) amaseti 2-1 (7-6, 4-6 na 6-4), Niyigena Etienne watsinzwe na Albert John Njogu amaseti 2-0 (6-1 na 6-2) ndetse na Muhire Joshua watsinzwe na Kibet Yego (Kenya) amaseti 2-0 (6-2 na 6-2).

Mu bagore, Angela Okutoyi yatsinze ku mukino wa nyuma murumuna we Roselida Asumwa amaseti 2-0 (6-1 na 6-2) bombi bakaba bakomoka muri Kenya.

Angela Okutoyi yageze ku mukino wa nyuma asezereye muri ¼ Nancy Aliyson Onya (RDC) wegukanye Rwanda Open 2016 ku maseti 2-0 (6-1 na 6-0) anasezerera muri ½ cy’irangiza Cheruto Wanjala (Kenya) ku maseti 2-0 (6-1 na 6-0). Roselida Asumwa we yageze ku mukino wa nyuma asezereye muri ½ Tuyisenge Olive (Rwanda) wari wageze ku mukino wa nyuma muri 2019.

Mu cyiciro cy’abakina ari babiri mu bagabo “Men Doubles”, ikipe yari igizwe na Ismael Changawa (Kenya) na Cuma Issa (Burundi) yegukanye irushanwa itsinze ikipe yari igizwe na Muhire Joshua na Tuyishime Fabrice (Rwanda) ku maseti 2-1 ( 6-3, 3-6 na 10-5).

Mu bagore “Women Doubles”, ikipe ya Roselida Asumwa na Angela Okutoyi (Kenya) yatsinze iya Martin Mao na Mohamed Nankulange (Tanzania) ku mukino wa nyuma amaseti 2-0 (6-1 na 6-0).

**Habaye irushanwa mu cyiciro cy’abafite ubumuga**

Muri Rwanda Open 2022 habaye irushanwa mu cyiciro cy’abafite ubumuga bakina bicaye mu tugare “Wheelchair Tennis” mu bagabo n’abagore aho bakinnye umukinnyi ku giti cye ndetse n’icyiciro cy’abakina ari babiri.

Mu bagabo, Abdallah Athman (Kenya) ni we wegukanye irushanwa atsinze ku mukino wa nyuma Jumanne Nasoro Zea (Tanzania) ku maseti 2-1 (0-6, 6-4 na 6-3).
Bamwe mu bakinnyi bari bahagarariye u Rwanda, Hakizimana Emmanuel na Dusabimana Viator baviriyemo muri ½ cy’irangiza.

Mu bagore, Jane Ndenga ukomoka muri Kenya yegukanye irushanwa atsinze ku mukino wa nyuma Rehema Saidi Selemani (Tanzania) ku maseti 2-1 (4-6, 6-4 na 6-2).

Mu bakina ari babiri mu bagabo “Men Doubles Wheelchair Tennis”, ikipe ya Abdallah Athman (Kenya) na Hakizimana Emmanuel (Rwanda) yatsinze iya Albert John Churi na Jumanne Nasoro Zea (Tanzania) amaseti 2-0 (6-3 na 7-6).

Mu bagore “Women Doubles Wheelchair Tennis”, ikipe ya Phoebe Mating'i Masika (Kenya) na Rehema Saidi Selemani (Tanzania) yatsinze iya Jane Ndenga na Asiya Mohamed Sururu (Kenya) amaseti 2-0 (6-4 na 6-2).

Mu babigize umwuga umukinnyi wa mbere mu bagabo n’abagore yahembwe ibihumbi bibiri magana atanu by’amadolari y’Amerika ($2500). N’abandi bitwaye neza mu bindi byiciro bahawe ibihembo aho byose byanganaga n’ibihumbi mirongo itatu by’amadolari y’Amerika ($30,000).

Iri rushanwa rikaba ryari rimaze imyaka 2 ritaba kuko ryaherukaga muri 2019 kubera icyorezo cya COVID-19.



## **Rugby :** Uko imikino y'umunsi wa kane wa shampiyona yagenze

Taliki 17 na 18 Ukuboza 2022, shampiyona y'igihugu mu mukino wa Rugby mu cyiciro cy'abakina ari 15 "15 Aside" mu bagabo yarakomeje hakinwa imikino y'umunsi wa kane.

Imikino yabaye taliki 17 Ukuboza 2022, ikipe ya 1000 Hills RFC yatsinze ikipe ya Kamonyi Puma RFC amanota 126 kuri 14 naho ikipe ya Lions de Fer RFC itsinda Resilience RFC amanota 68 kuri 17. Uyu mukino wabereye i Rusizi.

Taliki 18 Ukuboza 2022, ikipe ya Kigali Sharks RFC yatsinze Muhanga Thunders RFC amanota 23 kuri 15, umukino wabereye i Muhanga.

Biteganyijwe ko imikino y'umunsi wa 5 izakinwa taliki 14 Mutarama 2023 aho ikipe ya Kamonyi Puma RFC izakira Resilience RFC , 1000 Hills RFC yakire Muhanga Thunders RFC naho ikipe ya Lions de Fer RFC yakire Kigali Sharks RFC.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 17-12-2022**
- 1000 Hills RFC 126 - 14 Kamonyi Puma RFC
- Resilience RFC 17 - 68 Lions de Fer RFC

**Taliki 18-12-2022**
- Muhanga Thunders RFC 15 - 23 Kigali Sharks RFC

RWANDA RUGBY NATIONAL LEAGUE D1 RANKING 2022-2023

| POSITION | TEAMS | MP | W | L | D | PF | PA | PD | BP | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | LIONS DE FER | 4 | 4 | 0 | 0 | 232 | 45 | 187 | 3 | 19 |
| 2 | 1000 HILLS | 4 | 3 | 1 | 0 | 187 | 49 | 138 | 2 | 14 |
| 3 | KIGALI SHARKS | 4 | 2 | 2 | 0 | 111 | 37 | 74 | 3 | 11 |
| 4 | MUHANGA THUNDERS | 4 | 2 | 2 | 0 | 79 | 84 | -5 | 2 | 10 |
| 5 | RESILIENCE | 4 | 1 | 3 | 0 | 53 | 81 | -28 | 0 | 4 |
| 6 | KAMONYI PUMA | 4 | 0 | 0 | 0 | 32 | 322 | -290 | 0 | 0 |



## **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 14 wa shampiyona yagenze

Taliki 16 kugeza 17 Ukuboza 2022 habaye imikino y'umunsi wa 14 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Mu mikino yabaye, ikipe ya APR FC yatsinze Rayon Sports igitego 1-0, Mukura itsinda Police FC igitego 1-0, Kiyovu itsinda Rwamagana City FC ibitego 2-1 naho AS Kigali itsinda Gorilla FC igitego 1-0. Iyi kipe ya AS Kigali yahise iyobora urutonde rwa shampiyona by'agateganyo ikuyeho ikipe ya Rayon Sports.

Imikino y'umunsi wa 15 ari nayo ya nyuma cy'icyiciro kibanza biteganyijwe ko izaba taliki 21, 22 na 23 Ukuboza 2022.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 16-12-2022**
- Marines FC **2-2** Sunrise FC
- AS Kigali **1-0** Gorilla FC

**Taliki 17-12-2022**
- Rwamagana City **1-2** Kiyovu
- Rutsiro FC **0-1** Gasogi United
- Rayon Sports **0-1** APR FC
- Musanze FC **0-0** Bugesera FC
- Mukura **1-0** Police FC
- Espoir FC **0-2** Etincelles FC

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | AS Kigali | 14 | 30 |
| 2 | Rayon Sports | 14 | 28 |
| 3 | APR FC | 14 | 27 |
| 4 | Kiyovu | 14 | 27 |
| 5 | Gasogi United | 14 | 25 |
| 6 | Etincelles FC | 14 | 22 |
| 7 | Musanze FC | 14 | 21 |
| 8 | Mukura | 14 | 20 |
| 9 | Police FC | 14 | 20 |
| 10 | Sunrise FC | 14 | 19 |
| 11 | Bugesera FC | 14 | 18 |
| 12 | Gorilla FC | 14 | 18 |
| 13 | Rutsiro FC | 14 | 10 |
| 14 | Rwamagana City | 14 | 10 |
| 15 | Marines FC | 14 | 07 |
| 16 | Espoir FC | 14 | 07 |



# **Cycling:** Mugisha na Ingabire begukanye “Musanze Gorilla Race 2022”

Taliki 16 Ukuboza 2022 habaye isiganwa ry’umukino w’amagare “Musanze Gorilla Race 2022” ryateguwe n’ishyirahamwe ry’umukino w’amagare mu Rwanda “FERWACY” ku bufatanye n’Akarere ka Musanze nyuma y’amasezerano y’ubufatanye mu gutegura amarushanwa impande zombi zashyizeho umukono taliki 30 Ugushyingo 2022.

Iri siganwa ryatangiriye mu Kinigi abasiganwa bakomeza Nyakinama baragaruka basoreza mu Mujyi wa Musanze imbere ya Virunga Hotel.

Mu bagabo “Men Elites & U-23” basiganwe intera ya kilometero 105 maze Mugisha Moise yegukana isiganwa aho yakoresheje amasaha 2, iminota 44 n’amasegonda 26 (02h44’26”) ku mwanya wa kabiri haje Muhoza Eric akoresheje amasaha 2, iminota 44 n’amasegonda 40 (02h44’40”) naho Nzafashwanayo Jean Claude yegukana umwanya wa 3 akoresheje amasaha 2, iminota 44 n’amasegonda 50 (02h44’50”).

Muri iki cyiciro hitabiriye abakinnyi 52 ariko 28 ni bo bashoboye gusoza isiganwa.

Mu ngimbi “Men Juniors” basiganwe intera ya kilometero 87, Nshutiraguma Kevin ukinira ikipe ya Cine Elmay CC ni we wegukanye isiganwa aho yakoresheje amasaha 2, iminota 24 n’amasegonda 50 (02h24’50”) yakurikiwe na Ntirenganya Moise wakoresheje amasaha 2, iminota 24 n’amasegonda 52 (02h24’52”) naho ku mwanya wa 3 haza Uhiriwe Espoir wakoresheje amasaha 2, iminota 24 n’amasegonda 53 (02h24’53”).

Muri iki cyiciro hitabiriye abakinnyi 32 muri rusange ariko 24 ni bo basoje isiganwa.

Mu bagore “Women Elites” basiganwe intera ya kilometero 87 aho Ingabire Diane yegukanye umwanya wa mbere akoresheje amasaha 2, iminota 18 n’amasegonda 12 (02h18’12”) yakurikiwe na Nzayisenga Valentine wakoresheje amasaha 2, iminota 21 n’amasegonda 11 (02h21’11”) naho ku mwanya wa 3 haza Nirere Xaverine wakoresheje amasaha 2, iminota 22 n’amasegonda 42 (02h22’42”).

Muri iki cyiciro hari hitabiriye abakinnyi 6 aho bose basoje isiganwa.

Mu bangavu “Women Juniors” basiganwe intera ya kilometero 73 aho Mwamikazi Djazilla ukinira Les Amis Sportifs yegukanye umwanya wa mbere akoresheje amasaha 2, iminota 09 n’amasegonda 50 (02h09’50”) yakurikiwe na Iragena Charlotte wakoresheje amasaha 2, iminota 09 n’amasegonda 55 (02h09’55”) naho ku mwanya wa 3 haza Uwera Aline wakoresheje amasaha 2, iminota 10 n’amasegonda 56 (02h10’56”).

Muri iki cyiciro hari hitabiriye abakinnyi 8 bakaba bose barasoje isiganwa.

Uretse ibi byiciro hari n’abasiganwe bakoresheje amagare asanzwe bagera kuri 31 barimo abahungu 27 n’abakobwa 4. Aba bazengurutse mu Mujyi wa Musanze aho bakoze intera ya kilometero 30.

Mu bagabo uwa mbere yabaye Niyonteze Prince akurikirwa na Tuyisenge Vedaste na Niyomugabo Jean Claude. Mu bagore uwa mbere yabaye Uwimbabazi Liliane akurikirwa na Nyirabashatsimana Jeannette, Nyambere Marie naho Uwamahoro Adeline aba uwa 4.

Irushanwa rizasoza umwaka wa 2022 riteganyijwe taliki 30 Ukuboza 2022 « Royal Nyanza Race 2022 » rikazabera mu Karere ka Nyanza.

**Uko abakinnyi bitwaye**

- **Abagabo (105 km)**

1. Mugisha Moise 02h44’26”
2. Muhoza Eric 02h44’40”
3. Nzafashwanayo Jean Claude 02h44’50”

- **Ingimbi (87 km)**

1. Nshutiraguma Kevin 02h24’50”
2. Ntirenganya Moise 02h24’52”
3. Uhiriwe Espoir 02h24’53”

- **Abagore (87 km)**

1. Ingabire Diane 02h18’12”
2. Nzayisenga Valentine 02h21’11”
3. Nirere Xaverine 02h22’42”

- **Abangavu (73 km)**

1. Mwamikazi Djazilla 02h09’50”
2. Iragena Charlotte 02h09’55”
3. Uwera Aline 02h10’56”






# **Basketball:** Ikipe ya APR BBC yegukanye umwanya wa 8 mu mikino y'Afurika

Kuva taliki 09 kugeza 17 Ukuboza 2022 i Maputo muri Mozambique habereye imikino y'Afurika y'amakipe mu cyiciro cy'abagore "2022 FIBA Africa Champions Cup Women".

Ikipe ya Alexandria SC yo mu Misiri ni yo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa yuma ikipe ya Costa do Sol BBC yo muri Mozambique amanota 65 kuri 58 naho ikipe ya Ferroviario de Maputo BBC yegukana umwanya wa 3 itsinze InterClube de Luanda amanota 71 kuri 67.

Izi kipe akaba ari zo zari zahuriye ku mukino wa nyuma mu irushanwa ry'Afurika riheruka muri 2019 aho Ferroviario de Maputo BBC yegukanye igikombe itsinze InterClube de Luanda amanota 91 kuri 90.

Ikipe ya APR BBC yari ihagarariye u Rwanda ikaba yarasoreje ku mwanya wa 8 aho nta mukino n'umwe yabashije gutsinda muri 6 yakinnye. Iyi kipe yaherukaga kwitabira iyi mikino y'Afurika muri 2008 ubwo yaberaga muri Kenya aho yasoreje ku mwanya wa 7.

**Uko imikino yagenze**

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 9 aho yashyizwe mu matsinda 2. Itsinda A ryari rigizwe na InterClube de Luanda (Angola), KPA (Kenya), Costa do Sol BBC, ASB CNSS (RDC) na Energie BBC (Benin). Itsinda B ryari rigizwe na APR BBC (Rwanda), Alexandria SC (Misiri), Ferroviario de Maputo BBC (Mozambique), ASC Ville Dakar (Senegal).

Muri buri tsinda amakipe yakinnye hagati yayo hanyuma 4 ya mbere mu itsinda A akomeza muri ¼ uretse ikipe Energie BBC (Benin) yabaye iya 5 naho amakipe 4 yose yo mu itsinda B akomeza muri ¼.

Ikipe ya APR BBC mu mikino yo mu itsinda B yatsinzwe na Ferroviario de Maputo BBC amanota 78 kuri 45, itsindwa na Alexandria SC amanota 89 kuri 68 inatsindwa na ASC Ville Dakar amanota 57 kuri 37.

Muri ¼, ikipe ya APR BBC yatsinzwe na InterClube BBC amanota 94 kuri 53. Mu guhatanira imyanya 5-8, APR BBC yatsinzwe na KPA amanota 67 kuri 38. Mu guhatanira umwanya wa 7 na 8, iyi kipe ya APR BBC itsindwa na CNSS amanota 72 kuri 52.

**Uko amakipe yakurikiranye**

Ikipe ya Alexandria SC yegukanye umwanya wa mbere ikurikirwa na Costa do Sol BBC (2), Ferroviario de Maputo BBC (3), InterClube de Luanda (4), ASC Ville Dakar (5), KPA (6), CNSS (7), APR BBC (8) na Energie BBC (9).





# **Volleyball:** Shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore igeze ku munsi wa 6

Taliki 17 na 18 Ukuboza 2022 ni bwo habaye imikino y'umunsi wa 6 "Phase 6" muri shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Volleyball "Rwanda National Volleyball League 2022-2023" mu bagabo n'abagore aho yabereye mu Karere ka Ruhango.
Ikipe ya Gisagara VC mu bagabo yitwaye neza yegukana aka gace ka 6 "Phase 6" ikuramo ikinyuranyo cy'amanota 3 yarushwaga na REG VC yari imaze iminsi iyoboye urutonde.

Mu bagabo, imikino y'amajonjora yabereye ku bibuga biri imbere y'Akarere ka Ruhango aho ikipe ya APR VC yatsinze Kirehe VC amaseti 3-2 (25-18, 25-20, 22-25, 26-28 na 15-9), Gisagara VC itsinda IPRC Musanze VC amaseti 3-0 (25-18, 25-14 na 25-16), ForeFront VC itsinda IPRC Ngoma VC amaseti 3-1 (15-25, 26-24, 25-21 na 25-16) naho ikipe ya REG VC itsinda KVC amaseti 3-0 (25-18, 25-18 na 25-19).

Mu mikino ya ½ cy'irangiza, ikipe ya APR VC yatsinze REG VC amaseti 3-0 naho Gisagara VC itsinda ForeFront VC amaseti 3-1. Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya ForeFront VC yatsinze REG VC amaseti 3-2. Umukino wa nyuma Gisagara VC yatsinze APR VC amaseti 3-0 (25-17, 26-24 na 25-18).

Agace ka 6 karangiye ikipe ya Gisagara VC iyoboye n'amanota 8, APR VC (7), ForeFront VC (6), REG VC (5), Kirehe VC (4), IPRC Ngoma VC (3), IPRC Musanze VC (2) na KVC (1).

Muri rusange, ikipe REG VC nubwo yatakaje amanota yakomeje kuyobora urutonde n'amanota 42 inganya na Gisagara VC iri ku mwanya wa kabiri. APR VC iri ku mwanya wa 3 n'amanota 36 ikurikiwe na ForeFront VC (34), IPRC Ngoma (23), Kirehe VC (19), IPRC Musanze VC (14) na KVC (6).

**Mu bagore, APR VC imaze kwegukana uduce twose**

Mu bagore, mu mikino y'amajonjora ikipe ya ForeFront VC yateye mpaga St Bernadette VC (amaseti 3-0), RRA VC yatsinze IPRC Kigali VC amaseti 3-0 (25-17, 27-25 na 25-15) naho Ruhango VC itsinda IPRC Huye VC amaeti 3-0 (25-12, 25-22 na 25-21).

Mu mikino ya ½ cy'irangiza, ikipe ya ForeFront VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-0 naho APR VC itsinda RRA VC amaseti 3-1.
Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya RRA VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-0 naho mu guhatanira umwanya wa mbere, ikipe ya APRVC itsinda ForeFront VC amaseti 3-1 (18-25,25-23, 25-16 na 32-30).

Ikipe ya APRVC yasoje iyoboye agace ka 6 n'amanota 7 ikurikirwa na ForeFront VC (6), RRA VC (5), Ruhango VC (4), IPRC Kigali VC (3), IPRC Huye VC (2) na St Bernadette VC (0).

Muri rusange nyuma y'uduce 6, ikipe ya APR VC ni yo iyoboye n'amanota 42 ikaba yaramaze no kwegukana igikombe, ikurikiwe na ForeFront VC (36), RRA VC (30), Ruhango VC (23), IPRC Huye VC (15), IPRC Kigali VC (12) na St Bernadette VC (5).
Imikinoy'umunsi wa 7 "Phase 7" izabera mu Karere ka Ngoma taliki 07 na 08 Mutarama 2023.





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave